**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE**

**ICYEMEZO GICA IHAZABU N° ..097../2019/NI/UA/TGI/NYGE MU RUBANZA RCA 00135/2018/TGI/NYGE**

Umwaka wa **2019**, umunsi wa **21** w'ukwezi kwa **10;**

Twebwe UDAHEMUKA Adolphe, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, dufashijwe na NKUNDIMPAYE Ismaël, Umwanditsi muri urwo Rukiko ;

**Tumaze** kubona urubanza RCA 00135/2018/TGI/NYGE Me MUGENZI Nathanaël (**Umuhesha w'Inkiko w'umwuga**) utuye mu mudugudu w'ingenzi, akagari ka Bibare umurenge wa Kimironko, akarere ka Gasabo Umujyi wa Kigali, yajuririye arega NSABIMANA Frédéric asaba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge kumurenganura ngo kuko urubanza yarangije yubahirije ibitegenywa n'amategeko byose ariko Urukiko rw'Ibanze rwa Kicukiro ntiruhe agaciro ibisobanuro bye.

**Tumaze** kubona ko mu rubanza rujuririrwa hari hagobotsemo ku bushake uwitwa MUGABEKAZI Claudette ndetse na BPR Part of Atlas Mara hakanagobokeshwamo ku gahato uwitwa MUKAMAZIMPAKA Marciana, kandi aba bose Urukiko rukagira icyemezo rubafataho ariko Me MUGENZI Nathanaël mu gutanga ikirego cy'Ubujurire akarega NSABIMANA Frédéric abandi akabareka ndetse ntanatange umwirondoro we wuzuye;

**Tumaze** kubona ko uru rubanza rwari rwahawe itariki y'Inama ntegurarubanza kuwa 26/06/2019 saa tanu (11h00) uwo munsi ugeze Me MUGENZI Nathanaël yandika asaba urukiko kwimura umunsi w'inama ntegurarubanza ngo kuko yari arwaye ariko atarahamagaje NSABIMANA Frédéric naho MUGABEKAZI Claudette wagobotse ku bushake mu rubanza yitabye, inama ntegurarubanza yimurirwa kuwa 18/10/2019 saa

yine (10h00) Me MUGENZI Nathanaël asabwa kuza gufata amahamagara ya NSABIMANA Fréréric kuri systeme;

**Tumaze** kubona ko uwo munsi wageze Me MUGENZI Nathanaël yitabye yiburanira ndetse na MUGABEKAZI Claudette yitabye nawe yiburanira, ariko MUGENZI Nathanaël abanza gusobanura ko ihamagara rya NSABIMANA Frédéric yarikuye kuri Système akarimumenyesha, ariko ntiyabasha kuryerekana ahubwo yongera gusaba ko inama ntegurarubanza isubikwa kugira ngo azahamagaze NSABIMANA Frédéric ;

**Tumaze** kubona ko MUGABEKAZI Claudette wagobotse mu rubanza ku bushake avuga ko ibi ari uburyo bwo kumusiragiza mu manza kuko ariwe waguze inzu mu cyamunara ariko kugeza ubu akaba atarayihabwa kandi yaratanze amafaranga ye;

**Tumaze** kubona ko Me MUGENZI Nathanaël nk'umunyamategeko wari uzi neza inshingano z'umuburanyi, kuba yarajuriye ntagaragaze ababuranyi bose bari mu rubanza mu rwego rwa mbere, ntagaragaze umwirondoro we wuzuye, ndetse ntanahamagaze uwo yareze ahubwo agasaba kwimura inama ntegurarubanza inshuro irenze imwe;

Tumaze kubona ko uru rubanza rwinjiye mu Rukiko rwinjiye muri uru rukiko kuwa 28/08/2019 ariko rukaba rutagaragaza igikorwa na kimwe Me MUGENZI Nathanaël yakoze mu rwego rwo kurukurikirana kugeza urukiko rwibwirije rukayiha inama ntegurarubanza kuwa 26/06/2019, iyi myitwarire ye rero muri uru rubanza ikaba yafatwa nk'impamvu yo kurutinza ku bushake ;

**Dusanze** Me MUGENZI Nathanaël atarigeze akurikirana urubanza yajuririye, ahubwo yabona urukiko rwibwirije kuruha gahunda agasaba ko himura inama ntegurarubanza, bikaba bigaragaza ko yajuriye agamije gutinza uru rubanza ku bushake;

**Dushingiye** ku ngingo ya 17 al.2 y'Itegeko N° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko gusubika urubanza ku mpamvu z'ababuranyi ntibirenza inshuro ebyiri (2). Nyuma y'icyo gihe urubanza ruraburanishwa cyangwa rugasibwa mu gihe nta muburanyi witabye.

**Dushingiye** ku ngingo ya 18 y'Itegeko N° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ku byerekeranye no guhana abatinza urubanza, mu gika cyayo cya mbere aho iteganya ko ″umuburanyi wese utinza ku bushake iburanisha ry'urubanza kimwe n'uwiyambaza inzira zi kujurira mu buryo bwo gutinza urubanza, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000)″;

**Dushingiye** ku ngingo ya 19 y'Itegeko N° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi mu gika cyayo cya 4 iteganya ko ″Icyemezo gitegeka umuburanyi, umuhagarariye cyangwa umwunganira gutanga ihazabu kubera gutinza urubanza ni icyemezo cy'ubuyobozi. Icyo cyemezo gishobora gutakambirwa kwa Perezida w'Urukiko mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24), icyemezo nacyo kigafatwa mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye igihe cyatakambiwe″;

**Dutegetse** ko Me MUGENZI Nathanaël aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi ijana (100.000Frw) kuko imyitwarire ye mu rubanza rwavuzwe hejuru igaragara ko ari uburyo bwo kurutinza ku bushake, akazongera kuburana uru rubanza ari uko amaze kuyishyura;

**Twibukije ko utishimiye iki cyemezo ashobora kugitakambira kwa Perezida w'Urukiko mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye uyu munsi gisohokeyeho.**

**NI UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

| | |
|---|---|
| **UDAHEMUKA Adolphe** | **NKUNDIMPAYE Ismaël** |
| **Perezida w'Urukiko** | **Umwanditsi w'Urukiko** |